André Xhyramani                doc: 1
                                p: 9

Rapporti

17/6/1982

Dossier sur le séminaire
à établir pour 15 Août.

Comprend :

x (1) Liste des gens concernés par les problèmes
de la jeunesse à inviter

(2) Conférenciers.

(3) Thèmes ou sujets de discussion

(4) Programme pendant 5 jours

(5) Logement et restauration

(6) secrétariat

x (7) Lettre d'invitation

x (8) Inviter le Président de la République

(9) Préparer l'exposé du Ministre
qui s'inspirera du bilan

Fixer date début séminaire

Points ~~thèmes~~ 1, 7 et 8 sont confiés à Epimaque

DEF

FICHE DE TRANSMISSION

A: D/G[illegible]AL JEUNESSE → Monsieur le Ministre

Pour suite à donner ✗ La situation sera tirée au

Pour approbation clair après le séminaire d'octobre

Pour signature Il faudra songer à les inviter

Pourrions-nous en parler ?

Comme convenu

Suite à votre demande

Noter et retourner

Pour information

A classer

Commentaires

Je n'ai pas d'objection sur les commentaires émis par M. MBANZABUGABANWA quant à la [illegible], par le MIJEUNESPORTS, des cadres de l'EER.
Je trouve cependant qu'il y a risque de voir tout ce que le MINIPLAN[illegible] [illegible] se diriger vers notre Ministère.
Alors la question reste posée : avons-nous vraiment besoin (le pays) d'ouvrir tant de centres de formation ? où seront les débouchés ?
Je crois que la Commission ministérielle chargée d'examiner la réorientation des CF et l'encadrement des jeunes, devrait être saisie de cette question
pour avis

Date : le:

23/6/82

Je ne pense pas qu'il faille geler des initiatives des privés dans la recherche des solutions aux problèmes des jeunes.

DEF.

DGJ

21/7/82

FICHE DE TRANSMISSION

A: Monsieur le Ministre

Pour suite à donner

Pour approbation

Pour signature

Pourrions-nous en parler ?

Comme convenu

Suite à votre demande

Noter et retourner

Pour information XX

A classer

Commentaires

Les Centres de formation de l'EER sont en difficulté et sont à la recherche du patronnage. La plus grande difficulté est le manque de personnel compétent, la seconde est celle du financement. Les responsables de l'EER pensent faire inscrire leurs Centres parmi ceux soutenus par notre Ministère.

Date : 18/6/82

De: Nsanzabaganwa Fr.

[signature]

1716/82

Réunion des Pasteurs Directeurs des C.F.J. du Diocèse de KIGALI tenue le 17/6/1982.

L'objet principal de la réunion était de réfléchir sur la réforme des Centres de Formation de l'Eglise Episcopale au Rwanda (E.E.R.).

Il existe actuellement 6 Centres de formation dans le Diocèse de Kigali et 3 à Butare; leur localisation et leurs effectifs sont les suivants :

| Localisation | Effectif | Commune | Préfecture |
|---|---|---|---|
| SHYIRA | 120 | GICIYE | GISENYI |
| REMERA | 103 | RUBUNGO | KIGALI |
| RWAMAGANA | 55 | RUTONDE | KIBUNGO |
| GAHINI | 47 | RUKARA | KIBUNGO |
| MARANYUNDO | 41 | KANZENZE | KIGALI |
| MUKAMIRA | 32 | NKULI | RUHENGERI |
| HANIKA | 100 | KIGOMA | GITARAMA |
| KIGEME | 50 | NYAMAGABE | GIKONGORO |
| GIKONDO (CEFORMI) | - | NYARUGENGE | KIGALI |

Pourquoi la réforme des centres de formation ?

a) L'EER a demandé que ses centres de formation soient transformés en CERAI mais le MINEPRISEC a refusé parce que les bâtiments de ces centres ne sont pas adéquats.

b) L'enseignement donné aux jeunes dans les CFJ n'est adapté ni aux besoins des villes ni à ceux des milieux ruraux. Les enfants en terme de la formation se reclassent difficilement dans la vie active.

c) Le nombre de jeunes candidats aux centres de formation diminue à cause du minerval élevé qu'on exige.

d) Le matériel technique insuffisant empêche la mise en application des programmes établis.

e) Les instructeurs ne sont pas compétents.

La réforme envisagée par les pasteurs directeurs des centres de formation consiste essentiellement dans :

- L'admission des jeunes descolarisés et non scolarisés puisque les capacités techniques et financières de l'EER ne peuvent pas permettre l'admission d'enfants du niveau des 8ème ni atteindre le niveau d'instruction dispensé dans les CERAI.
  La formation sera donc de niveau inférieur au CERAI et sera débarassé de tout ce qui est théorique et/ou sans rapport avec la vie paysanne.

.../...

- Réduire le nombre d'instructeurs de 3 à 2 et ainsi réduire le minerval de 13.500 FRW à 6.000 FRW par an environ.
- Enseigner la construction en matériaux semi durables et la fabrication de meubles très simples pour les paysans.
- Le Centre de Formation Intensive de GIKONDO (CEFORMI) sera le seul à dispenser une formation orientée vers la ville.
- Le nom d'Ecole artisanale est remplacé par Centre Rural de formation artisanale.
- Développer la production et la vente dans les Centres.
- Le travail des jeunes de la 3ème année sera comptabilisé et rémunéré en équipement pour leur permettre de s'installer après la formation.
- Ne plus délivrer un certificat mais une simple attestation.

Commentaires

Le fait d'avoir pensé à la réadaptation du système d'enseignement dans les CFJ de l'EER est très louables; il reste cependant à voir si la nouvelle direction prise est la méilleure. Il semble que le fait de ne pas avoir des instructeurs compétents a été à la base de la baisse du niveau d'instruction et au remplacement du certificat par une attestation. Est-ce que les paysans n'arriveront pas au stade où ils pourront construire en matériaux durables ? Est-ce qu'il n'y a pas actuellement beaucoup de projets de construction dans les communes qui exigent une compétence supérieure à celle qui sera dispensée par ces Centres ?

A mon avis, l'EER devrait attendre le séminaire national d'octobre prochain pour se fixer en même temps que les autres centres de formation.

Quant à l'acceptation du patronage de ces centres par le Ministère, je ne vois pas d'inconvénients si ces centres se conforment aux règlements en vigueur et s'ils acceptent de suivre la politique du Ministère en matière de formation.

Kigali; le 18/6/1982

NSANZABAGANWA François.

# EGLISE EPISCOPALE AU RWANDA

(E.E.R.)

RWANDA

B. P. Kigali le 01/06/1982

Département :

Réf. N°

Objet :

A traiter par ...
Date entrée : 3/6/82
N° Classement : 2686/12

Excellence Monsieur le Ministre de la Jeunesse
à Kigali.

Monsieur le Ministre,

J'ai l'honneur de vous demander de bien vouloir désigner un de vos Responsables de la formation des jeunes pour nous assister dans notre réunion des Pasteurs Responsables des Centres de formation Artisanale qui aura lieu, jeudi le 17 juin 1982 à Gikondo à 8heures du matin. Espérant de voir en cette date, la personne que vous aurez désigné, et vous remerciant à l'avance, je vous prie d'agréer Monsieur le Ministre, l'assurance de ma considération distinguée.

Directeur des Centres de Formation
ARTISANALES.

Pasteur André NYIRIMANZI.

INAMA Y'ABAPASTOLI BASHINZWE AMASHULI Y'IMYUGA YO MULI DIYOSEZI YA KIGALI.

KAMENA 1982

Ibiri ku murongo w'ibyigwa:

Ku wa kane 17/06/1982.

| | |
|---|---|
| 8 heures : | Gusengana n'abanyeshuli (Ceformi) |
| 9 heure : | Kwinjir'ahaber'inama. |
| 9.15 | Kwerekan'abajyanama |
| 9.20 | Ijambo ritangiz'inama/Monseigneur. |
| 9.30 | Gusuzuma ibili ku murongo w'ibyigwa |
| 9.45 | Amakuru y'ibigo by'urubyiruko muli Minisiteri y'urubyiruko. |
| 10.15 | Ivugururwa ry'imyigishilize |
| 10.30 | Kunywa ka cyayi |
| 11.00 | Ibiribwa bitangwa na Catolika Relief |
| 11.30 | Umushinga w'amategeko |
| 12.30 | Kuruhuka |
| 13.00 | Kujya ku meza |
| 14.00 | Kwinjira mu cyumba k'inama |
| 14.05 | Umushinga w'amategeko |
| 15.00 | Ibyiyongereye kuli Ordre du jour. |
| 15.30 | Abalimu bazakomeza kwigisha n' abazigisha imyaka ya gatatu |
| 16.00 | Gufash'urubyiruko rukorer'iwabo |
| 16.30 | |
| 17.00 | Guhagarik'inama no gusezerer' abashobora gutaha. |

## UMUSHINGA W'IVUGURURWA RY'INYIGISHILIZE MU MASANTERI Y'IMYUGA:

### IMPANVU N'INTEGO:

**IMPANVU:** Bitinde bitebuke,abahungu bose bazajya barangiz'umwaka wa munani w'amashuli abanza bazajya bose binjizwa mu mashuli agamije amajyambere y'imyuga agiye gushyirwaho na Ministeri y' uburezi yitwa CERAYI.
Ntabwo turagashobora kwemerwa nk'uko amwe mu ma CERAR y'abanyagatolika yaje kwemerwa akab'azahindurwa CERAYI kuberako ngw'imyubakire yacu itashimwe. Twagerageje gusab'infashanyo kugirango twubake abo twiringiraga ko badufasha baraduhakanira.

Inyigisho dutanga nazo zitangiye gut'umwanya w'imilimo ikorwa mu mijyi,abo twigisha muri bino bihe nta byiringiro by'uko bashobora kubon'akazi mu mijyi kuko batigishwa ibikorerwa hano mu mijyi.

Ubukene bw'ababyeyi busigaye butuma tutabon'abanyeshuli cyane cyane abana b'abakene ntibagishobora kwiga mu mashuli yacu kuber' amafaranga menshi dusigaye twaka.
Ibikoresho muri bino bihe ntibihagije,ibyo bigatuma na progaramu twatanze mu mashuli ukw'iri nayo idakulikizwa.

Abigisha dufite ubwenge bwabo bufit'aho bugarukira n'aho butagomba kugera.

**INTEGO:** Rubanda nyamwinshi n'urutuye mu byaro,ubund'intego y'uwashyizeho mbere na mber'amashuli yar'iyo gufash'abasore bo mu matorero kugirango bajye babon'icyo bakora mu rugo iwabo bityo bashobore kubon'uko batez'Itorero ryabo imbere. Iyo ntego yaje kumirwa n'irari ry'abasore bakunze kurarikira kuza mu mijyi,gusab' imilimo y'ubwubatsi n'ububaji kukw'iyo milimo yabonekaga mu buryo butagoranye cyane nko mu bihe bya none.Twatangir'uburyo bukundish' urubyiruko gukorer'iwabo kukw'ari bwo buryo tunashoboye gukomeza gutangir'inyigisho.
Kuvanamwo inyigisho zidafitany'isano n'ibyagirir'umuturage akamaro wo mu cyaro.

### INSOBANURO Z'IZO MPANVU N'IZO NTEGO:

Ubwo Minisiteri y'uburezi izab'imaze gushyiraho amashuli y'imyuga ari ku rugero rutambuts'ayacu,kuber'izindi nyigisho nyishi twe tuta shobora gutanga,nta bana bazajya barangiz'umwaka wa munani ngo baz' iwacu mu mashuli atazanatang'agapapuro kemewe kandi tukaba twaka n'amafaranga ayo mashuli atazagezaho.Nk'uko kandi bili mu kifuzo cy'Umukuru w'igihugu,abana bose bazaba bashoboye kurangiz'amashuli abanza bazajya bahita binjizwa mur'ayo mashuli y'imyuga(abatazaba batsindiye gukomez'amashuli makuru n'ayisumbuye)

Twagombaga rero gutangira hakili kare,tukig'uburyo twatangira gukoresha mu bana b'igihugu batazashobora kugera mu mwaka wa munani abo bariho kandi bazahoraho,

Ubundi abana bamwe bazaga mu mijyi bakahabon'akazi,byaterwaga n' impanvu ebyili: amashuli yigishag'iyo myuga yari make mu gihugu; nk'uko amajyambere agenda yiyongera niko n'ubwenge bugenda buhinduka;uko rero bubak'ubu mu mijyi si ko bubakaga mbere y'umwaka w'1970,twe kandi ntacyo twahinduye ku bwenge bwacu,turacyakoresh' ubwo twigishijwe bwo mu bihe bya 1960;ntitwashoboye kubwongera.
Tékinike kandi n'ibitekerezo biratandukanye,abig'iby'ubuhanga bwa tekinike bo ni ngombwa guhora bihugura.
Imyubakire yariho mu gihe cyacu siyo iriho none,imibalize nayo n' uko;ibyakoreshwag'icyo gihe mu mijyi,bisigaye bikoreshwa mu cyaro mu bihe bya none.Inyigisho zacu rero zisigaye zikwiranye n'ibikorerwa mu cyaro rwose.None se har'uwashing'akarahira ko yigisha kubakisha beton,hari n'abatazi ingero zayo.Tube tutanigisha guhomesh'inzu umucanga na sima ngo turigisha beto.

Abana benshi ntibabon'imilimo,byaragaragaye mu rugendo duherutse gukorana n'umushyitsi wari woherejwe n'abaduh'infashanyo y'ibikoresho bakanaduhembera umuyobozi w'ayo mashuli.Twibajije neza rero umubyeyi kugirangw'atange amafaranga ibihumbi cumi na bitatu na magan'atanu,mu gihe cy'imyak'itatu yose,ubwo simbariyemwo n'ibigenda nko kuli benshi biga hamwe na hamwe bacumbitse,simbariyemwo n'imilimo uwo mubyeyi aba yaratakaje,umwana rero yarangiza ntabon' aho abon'akalimo ,bitangiye kubabaza benshi,nta kundi kandi twakoroherez'abo babyeyi tugikoresh'abalimu bangana batyo,dore ...

Dukenera byinshi bitakili ngombwa kuli twebwe n'imyigishilize yacu. Nk'amafaranga tugur'ibitabo,amakaye,amaraporuteri,amakompas,ayo yose ntitwayatanga iyaba twibandaga ku nyigisho z'imyuga gusa. Ibyo kandi ntitwananiwe kubireka tubigendereye,ahubwo n'uko twibwiraga ko Ministeri y'uburezi yashobora kutwemerer'imyigishilize, mur'iki gihe rero tutagiteze kwemerwa,jye mbona nta mpanvu yo gukomeza kwigish'inyigisho zidafit'aho zihuliye n'umwuga;bityo rero twashobora no kugabanya minervale kukw'ahanini twakagaga menshi kugirango tugur'ibyo byose;kandi ndetse n'abalimu ntibaba bakingan' uko bangan'ubu kuko muri bo kuli buli santeri har'umwe ushinzwe iyo myigishilize y'ubuhanga busanzwe butagendana n'imyuga uwo nawe yaha garara,amafaranga yamuhembaga nawe yagabanuka kuli minervale. Sinvuga k'uwo mwalimu ari we wahagarara ibyo n'iby'abapastoli kumeny'imikorere y'abalimu babo gus'icyo nshaka kuvuga n'uko mu kimbo cyo kugir'abalimu batatu kuli buli shuli,twagira babili gusa.Uwo kwigish'ububaji mu mashuli yose,n'uwo kwigish'ubwubatsi mu mashuli yose.

Indi ngoran'ikomeye n'ubuhanga bwacu.Twebwe abigisha n'abayobor' amashuli,ubwenge bwacu tugikoresha n'ubwo twize mu bihe bya kera, uko rero nabonye progaramu y'amacerayi,harimwo byinshi bisumby'ubuhanga bwacu n'ingero turiho z'imyigire;ntidushobora na gato kugir' icyo dukora ngw'amashuli yacu agendane nahw'igihe kigeze ku majyambere yo mu mijyi;aho dusigariye n'ugufasha rubanda rwo mu cyaro. Ibyo nabyo ntitwakwirenganya ndetse twar'amabuye,imyak'ishize yose iyo tujya tubon'uko twihugura nk'uko bijya bigenda ku bandi bakozi, wend'ubu tuba twashobora natwe gukulikira iyi progaramu ya Leta y' imyigishilize mishya mu mashuli agamij'amajyambere y'imyuga. No kuli progaramu yacu turacyafit'abalimu dukoresha ariko batayisho boye rwose,ibyo na none biterwa n'imihembere yacu,kenshi twitabaz' abadakwiriye kukw'abakwiriye tutabon'uko tubahemba.

Ikibazo gisigaye rero n'ukwig'uko twagenz'umulimo wacu: Ubundi amacerayi azakir'abazaba barangij'imyaka umunani y'amashuli abanza.Har'umuhanga mu by'imyuga twaganiliye,we akambwira ko ngo ariwe uyobor'aya mashuli ko yose yayareka noneho agashyiraho umwaka usa na stage,ngo noneho akazajya yakir'abahungu barangije CERAYI ngw'akabaigisha gukora gusa,ngo kuko we akeka ko na none abazajya bava mu macerayi ngo ntabuhanga bazaba bafite mu milimo uretse ubwenge bwo mu bitabo.Umugore nawe uherutse kuza kudusura yoherejwe n'abadufasha yunze mur'icyo gitekerezo agir'ati:n'ubundi musa n'aho ntacyo mwakoze kigaragara ubwo mwigishij'ariko mukaba mwaribwiraga ko mufash'abantu kubon'imilimo mu mijyi;ati kandi nabwo ntimwatekereje ngo mwibaz'uk'uzajy'arangiz'azajy'agenza ngw'abon'uwo mulimo; ati kuko mutatekereje uburyo bwo kumufasha kubon'ibikoresho byo gutangirana ku kazi mu gihe yab'aramuts'akabonye.We rero ngo yemera ko hakorw'uburyo ngw'abarangije bose bajya bahabw'ibikoresho.

Tuzi kandi mu cyaro cya none amajyambere naho yagezeyo,ubu nibo bubakisha za Rukarakara,bagasakaza n'amabati;tuzi kandi ko nta muturage utazi kwiyubakir'inzu y'ibiti ngw'ayisakaz'ibyatsi,ariko ukw'amajyambere yiyongera niko kuboneka kw'ibyo bikoresho bigenda bibura nk'ibyatsi n'imbingo zo guparatish'imariro;niyo mpanvu umuturage w'ubu akor'ukw'ashoboye ngw'abon'amabati cyangw'amategura byo kwisakaliz'akazu.Ubwo buryo rero bushya bwo gusakara no kubaka bwo ntibuli mu maraso ya buli muturage nk'uko bimeze ku myubakire y'inzu z'ibiti no ku misakalirwe yazo y'ibyatsi.Mu cyaro rero bakeney'abafundi bacililitse bo kubakorera ben'iyo milimo. Abo kandi nibo mu by'ukuli dushoboye kwigisha.Kandi n'ubundi ndibwira ko uwatangij'aya mashuli ko yar'afit'igitekerezo cy'uko abayarangizamwo bakorera mu byaro by'iwabo bityo bagatez'akarere k'iwabo na paruasi z'iwabo imbere.

Mu'bubaji naho n'uko,imivumu yarashize niy'abaturage bibarizagamwo intebe za kinyarwanda zo kicarwaho,ubu bose baraharanira nibura kubon'udutebe dukunjwa,abakunda kurem'isoko rya kabuga mubon'ukuntu abantu bo mu Ruhengeri baza bikoreye ben'utwo dutebe n'inzugi zidafashije kandi mubona ko ntarusubirayo. nk'ishuli rero ryifuzwa mu karere ka Ruhanga ryagombye kuzakumir'abo banyaruhengeri akab'ari ryo ikorer'abaturage ba za masaka na Kanombe intebe n'inzugi by'abaturage.Progaramu y'imilimo ikorerwa mu mijyi twayiharira CEFORMI ibishoboye,ifit' abalimu bashoboye ikagira n'umutung'ushobotse.Gusa iyaba twashoboraga gusaba ko no muli CEFORMI bashyiramwo ishami ry'imyubakire ibyo byaba mu kifuzo cyacu kand'ubona ntangorane zirimwo.

DORE RERO UKO TWAGOMBYE GUTANGIRA KWIGISHA:

Icya mbere cya ngombwa n'uguhindur'izina(ECOLE ARTISANALE) tukavuga CENTRE RURAL DE FORMATION ARTISANALE(Ikigo gitsur' amajyambere yo mu cyaro.Twiyibutse ko n'umuhanga wa kera yari yarayise Ecole Artianale Rural;aribyo bashakaga kuvuga ngo Amashuli agamije amajyambere y'imyuga mu cyaro.

Inyigisho zifitany'isano n'ibikorerwa mu cyaro nizo zonyine zakwitabwaho;igifaransa,imibare idafitany'isano n'imyuga, ibyo twita Geometri;iby'ibidukikije n'ibindi byose bidafit'aho bihuliye n'imyuga twabihagarika;ahubwo rero tugakaz'umurego mu milimo y'imyuga,ku buryo nta na twa tundi twakoraga tujugunywa twakongera kubaho;kuva ku milimo wa mbere w'umunyeshuli wab'uw'igikorwa gifit'agaciro,cyane cyane mu bubaji.

Mu mwaka wa gatatu ho umunyeshuli yajy'ahemberwa icyo yakoze, kugirango tuzashobore kumugurir'utwuma duke two gutahana nk' uko byifujwe n'abadufasha.Abashinzw'ishuli bazajya barishakir' abakiliya b'uburyo bwombi ari mu bubaji no mu bwubatsi,mu mwaka wa gatatu umulimo wose wakoreshw'abanyeshuli wagomba kwishyulirwa wab'uwa paruase cyang'uw'umuntu ku giti cye.

Uwo mwaka wa gatatu wagir'ibyuma byawo byihariye kandi bikajya bihabw'abanyeshuli umunyeshuli akilindir'ibikoresho bye,kuko ari mur'ibyo twazajya tubahamwo barangije.
Tugereranije buhoro dusanga ko ibikoresho bikwiranye na buli munyeshuli wo mu mwaka wa gatatu byajya bigera mu mafaranga ibihumbi cumi na bibili.Kugirango tuboner'abanyeshuli ibikoresho bigez'aho rero n'uko twagombye kugira bake nka 20 ubwo bakaba basaba ibikoresho bihwanye n'amafaranga y'uRwanda 240.000 FRS. ayo mafaranga uyakubishij'umubare w'amasanteri dushaka gutangira wasanga ko angana n'amafaranga y'uRwanda 1.960.000 FRS.

Ibyo n'ibikoresho byoroheje ,arikw'ibikomeye nka za Serejuwe na za buve ntizibarirwamwo.
Ibyo kandi byaba ngombwa buli mwaka kuko umunyeshuli wese yaba yaratahanye n'ibikoresho bye.kugirango yoroherwe mu gutangir' imilimo ye;ibyo bikoresho kandi n'ibyo mu bubaji gusa,iby'ubwubatsi sinabibaze kuko nzi ko kubyigulira bitagor'urangije.

Ariya mafaranga yos'azavahe rero?ubwo kandi hagomba n'andi yo kugur'imbaho,za kore,za verini,imiseno;amarangi,amapata,n'ibindi byose ngw'imilimo y'ububaj'igende mbere.Umunyeshuli azasabwa gutanga kimwe cya kabili cy'uko ibyo bikoresho bizaba byaraguzwe, ariko icyo kimwe cya kabili kigomba kuba kivuye mu byo yakoze yahembewe.N'ukuvuga rero ko n'ubwo hazajyaho uburyo bwo kugir' icyo duha kucyakozwe n'umunyeshuli wo mu mwaka wa gatatu ntabwo tuzakimuha ngw'agitware;ahubwo n'ukukimubikira;noneho nyuma y' umwaka tukamubarira icy'agejejemwo tukamuha muli bya byuma yakoreshaga ibihwanye'umutungo we ariko kuli kimwe cya kabili kuko ibyo byuma bitazaba bikili bishya nka mbere yo kubikoresha.

Umunyeshuli wese wese wo mu cyiciro cya gatatu azagira ifishi tuzita ifishi ibarirwaho imilimo yabuli munyeshuli.n'agaciro kayo.

Uwo mwaka wa gatatu nta mwalimu uzab'ukeneye,ahubwo tuzareba muli babalimu babili,ufit'ubuhanga busumby'ubw'undi akagira n' umutima udushobokeye ku buryo tubona ko nta ngorane tuzagirana nawe,noneho tukamuha no kudutegulira ukw'imilimo izajy'ikorwa. Niwe wajya yakira za Komande;noneho kuber'ubuhanga bwe,akabara kugirangw'amenye icyo umukiliya ashaka uko kigurwa.Niwe kandi wajy'atang'imilimo mu banyeshuli akulikij'ubuhanga abaziho, Direction yagombye kuzihatira gusur'abo balimu kenshi cyane, kand'amafaranga yazagombye kugirah abikwa hatari kwa kanaka, ahubwo hakaba mu li Banki runaka cyangwa muli Kesi runaka, Pasteur wa paruasi yagir'umutwaro wo gushaka za komande;kand' akabagurira n'ibikoresho;n'ukuvuga rero ko yakorana na wa mwalimu kuby'amafaranga y'uwo mwaka.Aho ibikoresho biboneka kure nka za Ruhengeri n'ahandi bagomba kuz'i Kigari;Direction yagombye gushak'uburyo ibibagezaho.Uwo mwalimu rero kuber'iyo milimo yindi aba yongeyeho ku mulimo w'usanzwe wo kwigisha,Direction yagombye mu myaka ya mbere kumuboner'igihembo cy'uwo mulimo,ariko ishuli ryatangira naryo kugir'icyo rizigama kugirangw'amaherezo iryo shimo ry'uwo mukozi rizajye riboneka muri ya milimo y'abanyeshuli. Twashobora wenda gusab'iyo nfashanyo nko mu gihe cy'imyaka itatu gusa ahasigaye ishuli rikazirwanaho.

<u>Minèrvale</u>: Izaterwa n'uko abanyeshuli bazaba bangana,babaye 60; umwe yasabwa amafaranga <u>2.000</u>.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 60 X 2.000 FRS | = | <u>120.000 FRS</u>. | | |
| Abalimu babili | 1) | 6.000 X 12 | = | <u>72.000 FRS</u> |
| | 2) | 3.000 X 12 | = | <u>36.000 FRS</u> |
| | <u>TOTAL</u> | = | | <u>108.000 FRS.</u> |

Ibihumbi cumi na bibili byasigara kubw'imilimo abapasteurs bajya bakora mur'ayo mashuli.

Biragaragar'ariko ko bidahagije kugirangw'ishuli ribeho;ubwo hafatw'indi migambi yazategurwa uyu mushinga uramutse wemewe.

Kigari le 01/06/1982.

Pasteur André NYIRIMANZI.